REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail:bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°22/2019: **Taliki: 01–31 Kanama 2019**

Cyasohotse kuwa 3 Nzeri 2019

Ingingoz'ingenzi:

Muri iki kinyamakuru turasangamo ingingo eshatu z'ingenzi arizo; Uko ikirere cyari cyifashe mu kwezi kwa Kanama 2019, iteganyagihe ry'iminsi icumi ya mbere ya Nzeri n'ingaruka zatewe n'ikirere ndetse n'iziteganijwe mu kwezi kwa Nzeri.

- Mu kwezi kwa Kanama 2019; ahenshi mu gihugu haguye imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe ihagwa ubusanzwe muri uku kwezi.
- Mu gice cya gatatu cy'ukwezi kwa Kanama 2019 ubuhehere bw'ubutaka bwa bwariyongereye ugereranyije n'uko bwari bwifashe mu gice cya kabiri.
- Mu gice cya cya mbere (1-10) cya Nzeri 2019; hateganyijwe imvura iziyongera ahenshi mu gihugu cyane cyane mu Iburengerazuba no mu Majyaruguru.

Iriburiro

Mu kwezi kwa Kanama 2019; ahenshi mu gihugu haguye imvura nyinshi ugereranyije n'isanzwe ihagwa ubusanzwe muri uku kwezi.

I. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 01-31 Kamena 2019 mu buryo burambuye

Muri Kanama 2019 imvura yaguye yari hagati ya milimetero 1.5 na 116.9. Imvura nyinshi yapimiwe kubupimiro bwa nyagatare mu burasirazuba ingana na milimetero 116.9, Gicumbi yapimye milimetero 76.1, Nyamagabe 75mm, Kigali ku bupimiro bwa Kanombe 61.4mm na Musanze yapimye milimetero 45.4. Imvura nyinshi yatewe n'uko isangano ry'imiyaga ishyushye ituruka mu gice cy' Afurika y'Amajyaruguru n'ikonje ituruka mu gice cy'Afurika y'Amajyepfo yahuriye mu karere u Rwanda ruherereyemo.

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Kanama 2019	Kanama
Kigali	61.4	34.6
Rusizi	26.4	44.3
Rubavu	28.8	71.2
Nyamagabe	75	39.5
Ngoma	42.9	24
Gicumbi	76.1	57.1
Busogo	42.8	77.6
Bugarama	1.5	21.7
Musanze	45.5	55.6
Gitega	23.7	17.9
Rubengera	22.5	42.7
Byimana	2.6	39.8
Kawangire	8.6	28
Nyagatare	116.9	47.7



Imbonerahamwe ya1

ikarita zikurikira **1&2** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati muri Kanama 2019 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi.



Ikaritaya1: Imvura yaguye (mm): Kanama 2019



Ikarita 2: Imvura isanzwe igwa(mm):Kanama

II. Ubusesenguzi ku bushyuhe

Impuzandengo y'ubushyuhe bwo hejuru yari hagati ya 32.1^{0}C na 21.6^{0}C zabonetse ku bupimiro bwa Bugarama mu karere ka Rusizi no ku bupimiro bwa Gicumbi mukarere ka Gicumbi. naho impuzandengo y'ubushyuhe bwo hasi yari hagati ya 10.2^{0}C na 17.9^{0}C. Igice cy'Amajyaruguru, Amajyepfo n'Iburengerazuba niho hakonje ugereranyije n'igice cy'Iburasirazuba , Amajyepfo n'Umujyi wa Kigali (Ikarita 3 na 4).



Ikaritaya3: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hejuru



Ikarita 4: Impuzandengo y'Ubushyuhe bwo hasi

II. Ingarukaku Buhinzi

a) Ubuheherebw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5:Kanama-2019-igice cya mbere (11-20/08/2019)

Ikarita6: Kanama-2019-igice cya kabiri (21-31/08/2019)

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku buhehere bw'ubutaka mu gice cya kabiri bwari bwagabanutse ariko bwongera kwiyongera mu gice cya gatatu cya Kanama 2019 ; ubuhehere bw'ubutaka bukaba bukomeje kwiyongera uko tugana mu bihe by'imvura. (reba **Ikarita 5&6**).

III. Iteganyagihe ry'igice cya mbere Nzeri 2019 kuva ku itariki ya 1 kugera 10 Nzeri

hateganyijwe imvura iziyongera ugereranyije n'iyaguye mu gice cya gatatu muri Kanama ;

- Mu Mujyi wa Kigali: Imvura nke iri hagati ya milimetero icumi na mirongo itatu (mm 10-30)
  Mu Intara y'Uburasirazuba: Imvura nke iri hagati ya milimetero icumi (mm 10-30)
- Mu Intara y'Amajyepfo: Imvura iri hagati ya milimetero icumi néshanu na mirongo itanu (mm 15-50mm)
- Mu Intara y'Uburengerazuba: Imvura iri hagati ya ya milimetero makumya ibiri na mirongo itandatu (mm 20 -60mm)
- Mu Intara y'Amajyaruguru: Imvura iri hagati ya milimetero makumya ibiri na mirongo itanu (mm 20-50mm)

VI. INGARUKA

- Imvura yaguye mu matariki ya nyuma ya Kanama yatumye ikibazo cy'ibura ry'amazi kigabanuka.
- Kubera ko imvura ikomeje kwiyongera bizafasha abahinzi gutegura neza igihembwe cy'ihinga ndetse bizorohereza aborozi mu bijyanye no kuhira, umusaruro w'ubwatsi nawo uziyongera.

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)